ISCID asbl
Institut Seth Sendashonga pour la Citoyenneté Démocratique

ITANGAZO:

Guca urwagwa n'ikigage, ubundi buryo bwo guhutaza abaturage no gusenya inkingi z'umuco nyarwanda.

Hashize iminsi itangazamakuru n'imbuga nkoranyambuga bigaruka ku byemezo leta y'u Rwanda yafashe byo guca inzoga za gakondo abanyarwanda bakoresha mu buzima bwabo bwa buri munsi no mu mihango inyuranye, nko gushyingira, kubatirisha, gukura ubwatsi, gushyingura, kwibuka, gusarura cyangwa guhunika imyaka, guhinga ubudehe, kwakira abashyitsi, guterekera, kubandwa, n'ibindi. Izo nzoga gakondo abanyarwanda bo mu turere twose ndetse no mu moko yose bari bahuriyeho ni urwagwa n'ikigage. Kwenga izo nzoga ni bimwe mu by'ingenzi biranga umuco nyarwanda, bikaba umurage ukomeye w'abasokuruza bacu. Abakoloni baje mu Rwanda basanga abanyarwanda bizihiwe n'uwo muco wabo ndetse barawubashye.

Umuturage yahingaga urutoki mu isambu ye, akajya arukorera igihe cyose bibaye ngombwa, agakuramo ibitoki by'inyamunyo byo gutunga urugo rwe, naho intuntu zigakoreshwa mu kwenga inzoga y'urwagwa. Uwo muhinzi yahingaga n'amasaka yasarura akayahunika mu kigega, nyuma akazajya akoraho ayo akeneye y'igikoma cyangwa umutsima, ikindi gice kinini cy'umusaruro we kikengwamo ibigage byakoreshwaga muri iriya mihango inyuranye.

Kubera uko gukoreshwa mu buzima bwa buri munsi, izo nzoga zari inkingi ya mwamba y'ubukungu bw'umuturage usanzwe udatunzwe n'umushahara wa buri kwezi. Kugira urutoki rukoreye neza no kugira ikigega cy'amasaha ni bimwe mu by'ingenzi byateraga umuturage kudahangayika.

Kubera ibyo byose bimaze gusobanurwa ikigo kitiriwe Nyakwigendera Seth Sendashonga (Institut Seth Sendashonga pour la citoyenneté démocratique, ISCID asbl) kirageza ku Banyarwanda bose no ku nshuti z'u Rwanda ubutumwa bukurikira:

1) Icyemezo cyo guca ibinyobwa gakondo by'urwagwa n'ikigage kibangamiye abaturage b'u Rwanda mu mibereho yabo ya buri munsi kandi kibangamiye inkingi ikomeye y'ubukungu bw'abatuye icyaro.

ISCID asbl
Institut Seth Sendashonga pour la Citoyenneté Démocratique

2) Icyo cyemezo kibangamiye umuco karande w'abanyarwanda kuko benshi nta bushobozi bafite bwo kugura inzoga za kizungu bashobora gukenera mu bihe binyuranye inzoga iba ishobora gukenerwa.

3) Institut Sendashonga irasanga nta mpamvu nyakuri zo kuvuga ko inzoga zikorewe mu nganda arizo zujuje ubuziranenge kurusha inzoga gakondo mu gihe bizwi neza ko zimwe muri izo nzoga zo mu nganda zangiza ubuzima ndetse bikaba byanditse ku macupa zicururizwamo.

4) Institut Seth Sendashonga irasaba leta y'u Rwanda gusuzumana ubwitonzi icyo kibazo, byaba ngombwa hagashyirwaho amabwiriza aca intege abakora ibinyobwa bihumanya ubuzima bw'abaturage babishakamo indonke, ariko urwagwa n'ikigage bisanzwe bigakomorerwa.

5) Mu rwego rwo kubungabunga imibereho myiza y'abaturage leta y'u Rwanda yarikwiye gushyira ingufu muri gahunda yo kwegereza abaturage amazi meza, bityo bikabafasha kugira isuku mu ngo zabo ndetse bikabongerera ubushobozi bwo kwenga inzoga zuzuje ubuziranenge.

Bikorewe i Buruseli, tariki ya 23/07/2026

Jean-Claude Kabagema,

Perezida wa ISCID asbl

